

Ihame ry'icungamari ku Ihirwe

“Ukoresha ukuboko kudeha azakena, Ariko ukuboko k’umunyamwete gutera ubukire.”Imigani 10:4



Byandistwe na rwiyemezamirimo,
John E. Schrock

Ca akarongo ku i jambo nyamukuru ubonye muri iri ihame.

Birakomeye kwemera ko amagambo nkaya yavugwa muri bibiliya; yumvikana nk’ay’isi. Ariko, Imana yifuza guhesha umugisha ku bana bayo “Ku mugaragaro.” Ntabwo tugomba gushidikanya ugushaka kw’Imana kandi kuzazamura abayikurikira. Iravuga ngo nitwumva maze tugakurikiza inzira yayo kandi tukubaha amategeko yayo, izaduhesha umugisha. Iravuga ngo tuzagoborerwa byinshi kugeza ubwo tubura aho tuboshyira. Izaha umugisha buri cyiza cyose dukora, kandi izatugira umutwe ntabwo tuzaba umurizo. Iravuga kandi ko izaduha umugisha turi mu murwa cg turi mu cyaro, mu muryango n’umuryango mutuyemo (Ugutegeka 28). icyo imana itwifuriza ni ukuduhesha umugisha no kudukubaha ihirwe, kugira ngo yereke amahanga ko gukorera Imana nta gihombo bitera. Imana ntabwo igira ubugugu, cg umutware ukakaye utanga ibihembo bidakwiye. Ihemba neza abayubashye bagakurikiza n’amahame yayo. Iravuga ngo nidukurikiza amategeko yayo maze tukiyemeza amabwiriza y’ubu buzima tubayemo, tuzatsinda. Tuzamera nk’ibiti byatewe ku mugezi, kandi niyo umwuma watera ibibabi byacu ntibizigera byuma, kandi nibyo tuzakora byose bizaba amahire (Zaburi 1).

Uyu mugani ntabwo uvuga gusa ku” ko abakorana umwete babona ubukire,” ahubwo “Imana ntizarebera ko umuntu muzima yicwa n’inzara, cyangwa se ngo ikomeze kurebera ko imitungo y’umugome yakomeza kuramba.” Abanabwwe amaherezo barakena—abakorana umurava babona ubukire. Mbega iringaniza. Rimwe na rimwe bisa nkaho abagome aribo bakunze guhirwa, bityo ugasanga natwe ubuzima bwacu tukabushushanya nk’ubwabo. Ariko imana iravuga

ngo ntabwo izarebera ko ubukire bw’umugome buramba iteka. Mu gihe tubonye ubukire binyuze mu kuriganya, kubeshya, cg kuyobya uburari, amaherezo bizayoyoka. Imana irabizi ko amategeko yashyizeho azagenga ubuzima, mu bwigenge no mw’ ihirwe. Ariko kandi bitera akaga naramuka atubahirijwe. Guhitamo inzira ye rero ni uguhitamo ubuzima.

Hari uburyo, abantu bamwe bibwira ko ubukire ari ikintu kibi maze gukena bikaba byiza, cyane cyane mu bantu bizera Imana. Ibi ni ikinyoma. Ntaho dusanga muri bibiliya ko aya magambo ari ukuri. Yesu yacyashye Petero ubwo yagaragaye imyumvire ubwo yavuze ngo, “Ndababwira ukuri yuko ntawasize inzu, cyangwa bene se, cyangwa bashiki be, cyangwa nyina, cyangwa abana, cyangwa amasambu ku bwanyje no ku butumwa bwiza, hamwe no kurenganywa maze mu gihe kizaza akazahabwa ubugingo buhoraho” (Mariko 10:29-30 KJV).

Yesu yaravuze ngo”...umwuka w’uwiteka ari muri jye, Ni cyo cyatumye ansigira, kugira ngo mbwirize abakene ubutumwa bwiza. Yantumye kumenyesha imbohe ko zibohorwa, n’impumyi ko zihumuka no kubohora ibisenzegeri/ abakandamijwe (Luke 4:18) hanyuma inkuru nziza

y’abakene izaba ihirwe, ntabwo ari ubukene.

Hari amahame yo kwihangana n’umurava agendana n’ihirwe. Iyo dukoranye umurava maze tugakurikira amahame y’Imana, izaduha umugisha ndetse itwongerere imbaraga. Izaduhesha amahirwe uzaba impamba mu byo dukora byose. Bizatwubakamo ubushake bwo gukomeza gutumbira ku ntego twiyemeje—intego zizagirira n’abandi akamaro. Ubu nibwo buryo Imana ifasha abantu bayo. Ibaha icyerekezo cyibatera ubushake bwo kugera ku bisubizo. Bakunda gukora kuko bazi ubushobozi bifitemo. Gukorana umurava rero bitanga inyungu, nyamara kuvuga biroroha kandi bikurura ubukene. Iyo ukorana umurava kandi ugakurikiza amahame—uzabona ibihembo birambye, kuko uko niko Imana yabigennye.

Iri hame rigufasha mu kubaka kamere yawe mu gihe cy’umwaka umwe:

Umusingi ku byagezweho.

Ibabazo byo kwibazaho:

Niba utemera ko ihirwe ribaho, ntuzagire impungenge, kuko ntuzigera urigeraho.

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame?										
Ingengabihe kw’ ihame usoma buri muni	M	K	G	K	G	G	C			

Completed

Not completed